# AKARERE KA HUYE

## AMAKURU Y'INGENZI YARANZE UKWEZI KWA KAMENA 2023






Mu kwezi kwa Kamena habayemo imikino myinshi yasusurukije abanyehuye

## Inkuru zirimo:


- Huye yakiriye umukino wa nyuma w'igikombe cy'amahoro, Rayons Sports itsinda APR (Paji 2)
- Irerero rya "PSG Academy Rwanda" yo muri Huye yegukanye ibikombe 2 by'Isi itsinze andi marerero (Paji 3)
- Abafatanyabikorwa mu iterambere biyemeje kurushaho kwegera umuturage (Paji 4)
- Hakinwe irushanwa ngarukamwa rya "Memorial Rutsindura 2023" (Paji 5)
- Ababyeyi beretswe ibikenewe mu kwita ku buzima bwabo no kurwanya igwingira mu bana (Paji 6)
- Itorero rya ADEPR ryibutse abayoboke baryo bishwe muri Jenoside yakorewe Abatusi (Paji 7)
- Abakuze barenga 900 bishimiye gusoza amasomo yo kwiga kwandika, gusoma no kubara (Paji 8)
- Umurenge wa Ngoma wimukiye mu biro bishyashya, aho wakoreraga hagiye kubakwa (Paji 9)
- JADF HUYE yakoze imurikabikorwa, Akarere gashima uruhare rwayo mu guteza imbere abatuye Akarere (Paji 10)
- Hatangijwe "HINDUKA UKORE WIGIRE" – gahunda yo gufasha abaturage kwikura mu bukene (Paji 11-12)
- Kurwanya isuri no gukemura ibibazo bibangamiye abaturage byitaweho mu muganda usoza ukwezi (paji 13)
- Huye yakiriye imikino ya nyuma y'irushwa "Umurenge Kagame Cup 2023" (Paji 14).
- Njyanama yatoye ingengo y'imari y'Akarere y'umwaka wa 2023 – 2024 (Paji ya 15)






# Huye yakiriye umukino wa nyuma w'igikombe cy'amahoro, Rayons Sports itsinda APR.

***Kuri stade Huye habereye umukino wa nyuma w'igikombe cy'amahoro 2023, Ikipe ya Rayon Sports yegukana icyo gikombe itsinze APR FC iyitsinze igitego kimwe.***

Ni umukino wakinwe kuwa 03 Kamena 2023, uhuza amakipe ya Rayons Sports na APR FC zabonye itike yo gukina umukino wa nyuma. Ni umukino wishimiwe n'abaturage b'Akarere ka Huye byumwihariko abakorera ibikorwa binyuranye mu mujyi wa Huye barimo abacuruzi. Bavuga ko kubw'uyu mukino abatanga serivise zinyuranye babonye abakiliya, bityo babasha kwinjiza amafaranga.

Abakunzi b'aya makipe bo mu Karere ka Huye na bo bishimiye uyu mukino kuko babashije kubona ibyishimo bishingiye ko babashije kuyabona akina.

Muri uyu mukino, ikipe ya Rayon Sports yegukanye igikombe cy'Amahoro 2023 itsinze ikipe ya APR FC 1 - 0 cyatsinzwe na Eric Ngendahimana.





*Stade Huye yari yuzuye abafana kandi bishimye*

Aya makipe yombi yaherukaga guhurira ku mukino wa nyuma w'igikombe cy'Amahoro 2016 ubwo Rayon Sports yatsindaga APR FC1-0 cya Ismaila Diarra.

Rayon Sports kandi ikaba ari bwo iheruka kwegukana igikombe cy'Amahoro ni mu gihe APR FC igiheruka muri 2018 ubwo yatsindaga ku mukino wa nyuma Espoir FC. Bivuze ko aya makipe akumbuye igikombe cy'Amahoro.

Uyu mukino wabanjirijwe n'uwahuje ikipe ya Mukura VS na Kiyovu Sports hakinirwa umwanya wa gagatu, wegukanywe na Mukura istinze Kiyovu.



*Minisitiri wa Siporo Aurole Munyangaju ashyikiriza igikombe cy'Amahoro Rayon Sports*

# Irerero rya “PSG Academy Rwanda” ryegukanye ibikombe 2 by’Isi itsinze andi marerero.

***Ikipe y’abatarengeje imyaka 11 n’iyabatarengeje imyaka 13 yo mu Ishuri ry'umupira w'amaguru ry'ikipe ya PSG mu Rwanda yegukanye igikombe cy’isi cy’amashuri y’umupira w’amaguru ya PSG ku rwego rw'Isi.***

Muri iri rushanwa ryabereye i Paris mu Bufaransa, u Rwanda rwegukanye igikombe mu batarengeje imyaka 11 na 13, rutsinze Brésil mu byiciro byombi.

Umukino wa nyuma w’iri rushanwa wakinwe kuwa 05 Kamena 2023, Ibi ikipe y’abatarengeje imyaka 11 yatwaye igikombe imaze gutsinda ku mukino wa nyuma Brasil kuri penaliti (3-2), na ho iy’abaterengeje imyaka 13 na yo itwara igikombe itsinze ku mukino wa nyuma nanone iya Brazil kuri penaliti (4-3).

Ni ku nshuro ya kabiri u Rwanda rwari rwitabiriye iri rushanwa kuko umwaka ushize wa 2022 na bwo rwegukanye igikombe mu batarengeje imyaka 13, icyo gihe mu batarengeje imyaka 11 rwari rwaje ku mwanya wa kane.

Mu Ugushyingo 2021 ni bwo Paris Saint Germain yafunguye ishuri ryigisha umupira w’amaguru mu Rwanda, iri shuri rikaba rikorera mu Karere ka Huye kuri Stade Huye. Paris Saint Germain yo mu Bufaransa kandi inamamaza ubukerarugendo bw’igihugu binyuze muri “Visit Rwanda” kuva mu Ukuboza 2019.




*Ikipe yarishimiwe ubwo yageraga mu Rwanda izanye ibikombe 2 yatsindiye.*




*Ababyeyi bari bitabiriye kwakira abana mu byishimo.*




*Umuyobozi w'Akarere yashimiye irerero rya PSG rikorera mu Karere ka Huye ryatwaye ibikombe mu byiciro byose.*




*Ikipe yakiriwe neza ubwo yerekezaha i Huye*

## Abafatanyabikorwa mu iterambere biyemeje kurushaho kwegera umuturage

***Mu nama y'Ihuriro ry'abafatanyaba mu iterambere (JADF), Umuyobozi w'iri huriro yasobanuye ku ruhre rufatika rw'umufatanyabikorwa n'icyo byarushaho gufasha mu iterambere, agaragaza ko umuturage yarushaho kwegerwa.***

Ni inama yateranye ku wa 09 Kamena 2023, ihurizahamwe abafatanyabikorwa mu iterambere mu ngeri zitandukanye barimo imiryango idahanira inyungu, abikororera, abanyamadini n'abandi.

Umuyobozi w'Akarere ka Huye, Sebutege Ange, atangiza ku mugaragaro ihuriro rusange ry'abafatanyabikorwa mu iterambere ry'akarere ka Huye, yasabye abarigize gushyira imbaraga mu kuvana umuturage mu bukene.

Yagize ati "Twagira ngo tubashimire uruhare rwanyu mu iterambere ry'akarere n'umuturage twese tureberera. Ibyo dukora byose tubihurize ku gufasha umuturage kwikura mu bukene, gahunda yari isanzwe ihari yari ugufasha abatishoboye; guhora ufasha umuntu mu myaka icumi adatera imbere ntawe bishimisha. Ibi bikorwa nta ngengo y'imari yihariye bifite ariko nidushyira umuturage ku isonga y'ibyo dukora tukanashyira hamwe bizakunda."

Umuyobozi w'ihuriro ry'abafatanyabikorwa mu iterambere (JADF) ry'akarere ka Huye, Ugirumurera Cyprien, agaruka ku ruhare rw'umufatanyabikorwa n'icyo byarushaho gufasha mu iterambere, avuga ko umuturage yarushaho kwegerwa.

Agira ati *"Ubu mu mirenge yose y'akarere abafatanyabikorwa barimo, ibikorwa afatanyabikorwa bagizemo uruhare muri uyu mwaka ni byinshi. Turashima inzu zubatswe, amatungo n'ibindi. Twaganiriye ku kwegera umuturage mu kagari, abafatanyabikorwa babyemeye, nibigerwaho twegereye umuturage bizadufasha kumukorera uko bikwiye"*.



*UGIRUMURERA Cyprien, Umuyobozi wa JADF - HUYE.*

Uyu muyobozi avuga ko hagiye gukomeza gushyirwa imbaraga mu kwegera abaturage bagafatanya cyane cyane mu gukoresha neza ibyo abafatanyabikorwa bafasha abaturage, bakabazamurira imyumvire kugira ngo abaturage barusheho kwiteza imbere, bave mu cyiciro kimwe bajye mu kindi, ku buryo bazakomeza kwigigirira akamaro n'iyo aba bafatanyabikorwa baba batagihari.

Abafatanyabikorwa mu iterambere ry'akarere ka Huye bashimirwa uruhare bagira mu iterambere, ariko kandi basabwa gukomeza guhuza ibikorwa byabo n'intego z'iterambere ry'akarere ndetse no gukorera hamwe hagati yabo.

Muri iyi nama haganiriwe ku ngigo zitandukanye zirimo imihigo y'Akarere 2022-2023; gahunda yo gufasha abaturage mu buryo burambye; gahunda y'Iterambere rirambye (DDS); imikorere n'imikoranire muri JADF.



*Inama y'Ihuriro ry'abafatanyabikorwa yitabiriwe n'abayobozi mu ngeri zinyuranye.*

## Hakinwe irushanwa ngarukamwa rya "Memorial Rutsindura 2023".

***Mu Karere ka Huye habereye irushanwa ngarukamwaka ry'umukino w'amaboko (Volleyball) ryakinwe mu rwego rwo kwibuka Rutsindura Alphonse, umwe mu bagize uruhare mu iterambere ry'umukino wa "Volleyball" mu Rwanda.***






Ni irushanwa ryakiniwe mu Karere ka Huye ku matariki ya 10 – 11 Kamena 2023 ryitabirwa n'amakipe anyuranye yo mu byiciro by'abagabo n'abagore mu cyiciro cy'ababigize umwuga; amapike y'abatarabigize umwuga arimo ay'abakanyujijeho (Amateurs); amashuri mu byiciro byose.

Amakipe ya Police VC mu cyiciro cy'abagabo na APR VC mu cyiciro cy'abagore ni yo yegukanye ibikombe mu cyiciro cy'abakina nk'ababigize umwuga (Serie A), ari na cyo cyiciro cyonyine kibamo abagore mu gihe mu bindi byiciro ari abagabo.

Abatuye Akarere ka Huye bashima ko muri aka Karere hakinirwa imikino nk'iyi kuko bisusurutsa umujyi wa Huye, bityo bikanihutisha ishoramari kandi bikongera ibyishimo mu baturage.

Ni ku nshuro ya 19, Irushanwa ngarukamwaka rya "Volleyball - Memorial Rutsindura" ryakinwaga, ribera mu Karere ka Huye. Iri rushanwa rikinwa hagamijwe kwibuka umutoza Alphonse Rutsindura wazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.



*Hafashwe umunota wo kwibuka RUTSINDURA wishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi.*







*Umuyobozi w'Akarere ka Huye ashimira amapike yitabiriye iri rushanwa ngarukamwaka.*

## Ababyeyi beretswe ibikenewe mu kwita ku buzima bwabo no kurwanya igwingira mu bana

***Mu bikorwa by'icyumweru cyahariwe kwita ku buzima bw'umwana n'umubyeyi byakozwe mu mirenge yose y'Akarere ka Huye byibanze ku bungakurambaga bwo guhagurukira rimwe hakitabwa ku buzima bw'umubyeyi n'umwana.***

Kuva kuwa 12-16 Kamena 2023, mu mirenge yose hatangijwe icyumweru cyahariwe kwita ku buzima bw'umwana n'umubyeyi kuri iyi nsanganyamatsiko:" ***Umwana utagwingiye ni ishema ry'ababyeyi***".






*Abayobozi mu nzego zitandukanye batanze ubutumwa ku bikorwa bigamije gusigasira ubuzima bw'umwana n'umubyeyi.*

Muri iki cyumweru hibanzwe ku bikorwa bitandukanye birimo ubukangurambaga bujyanye no kwita ku buzima bw'umubyeyi utwite. Kuri iyi ngingo ababyeyi basobanuriwe inshuro umubyeyi utwite yipimisha, akamaro ko kwipimisha izo nshuro ku mubyeyi no ku mwana atwite.

Mu bindi byagarutsweho mu bukangurambaga bw'ibikorwa by'iki cyumweru, harimo imirire n'isuku by'umwana. Ababyeyi basobanuriwe akamaro ko guha umwana indyo yuzuye kandi irangwa n'isuku, by'umwihariko gukaraba intoki igihe cyose abana bavuye ku musarani, gukarana intoki neza ku muntu wese ugiye guha amafunguro afite isuku umwa. Muri ubu bukangurambaga ababyeyi bongeye kwibutswa akamaro k'umurima w'igikoni kuri buri muryango mu rwego rwo guca imirire mibi ndetse na gahunda yo gutera ibiti by'imbuto bitatu nibura kuri buri muryango. Ababyeyi kandi banakanguriwe gukingiza abana inkingo zose.

Mu butumwa bw'Umuyobozi w'Akarere kuri twitter ati:" *Babyeyi, Indatirwabahizi twite ku buzima bw'umubyeyi utwite n'umwana, imirire myiza n'isuku, dukingize abana inkingo zose bizatuma turandura igwingira".*

# Itorero rya ADEPR ryibutse abayoboke baryo bishwe muri Jenoside yakorewe Abatusi.

***Mu Karere ka Huye ni ho habereye umuhango wo kwibuka ku rwego rw'Igihugu abayoboke b'Itorero rya ADEPR bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi.***

Ni igikorwa cyabaye kuwa 15 Kamena 2023, kibera mu murenge wa Kinazi ku rwego rw'Igihugu, cyitabiriwe n'umuyobozi mukuru w'iri torero, Umuyobozi w'Akarere n'abandi bayobozi mu nzego zinyuranye.

Umushumba Mukuru w'Itorero ADEPR Isaie Ndayizeye yavuzeko muri iy'iminsi 100 Itorero ADEPR ryifatanije n'Abanyarwanda mu kwibuka jenoside yakorewe Abatutsi 1994, ryagize ibikorwa byo kwibuka 113, hasanwe amazu 61 y'abarokotse jenoside andi 19 arigusanwa, rinaboroza inka 94 n'ibindi bitandukanye.



*Umushumba mukuru wa ADEPR Pst Isaie NDAYIZEYE*




Umushumba Mukuru w'Itorero ADEPR yavuzeko muri iy'iminsi 100 Itorero ADEPR ryifatanije n'Abanyarwanda mu kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi 1994, ryagize ibikorwa byo kwibuka 113, hasanwe amazu 61 y'abarokotse jenoside andi 19 arigusanwa, rinaboroza inka 94 n'ibindi bitandukanye.

Umuyobozi w'Akarere ka Huye Sebutege Ange yihanganishije ababuze ababo muri Jenoside. Yashimiye Itorero rya ADEPR kuri iki gikorwa cyo kwibuka abayoboke babo, anashima ibikorwa by'iri torero mu kubaka ubumwe n'ubwiyunge, ndetse no kuremera abarokotse Jenoside.

Mu nzu zasanwe harimo inzu 3 zo mu murenge wa Kinazi zanatashywe kuri uyu munsi wo kwibuka, ndetse abasaniwe banahabwa inka eshatu.



Umuyobozi w'Akarere yahaye icyubahiro imibiri ishyinguye mu rwibutso rwa Jenoside rwa Songa

# Abakuze barenga 900 bishimiye gusoza amasomo yo kwiga kwandika, gusoma no kubara.

***Hamwe na DUHAMIC ADRI n'abafatanyabikorwa bayo, mu Karere ka Huye habereye umuhango wo gusoza icyiciro cyo kwigisha abakuze kwandika, gusoma no kubara.***



Ni umuhango wabereye mu Karere ka Huye kuwa Kuwa 15 Kmena 2023, aho abakuze 2,805 bo mu turere twa Huye, Nyanza, Nyamagabe na Gisagara buhabwe impamyabushobozi.

Atangiza ku mugaragaro uyu muhango, Umuyobozi w'Akarere ka Huye wungirije ushinzwe imibereho myiza KANKESHA Annonciatha yashimiye DUHAMIC ADRI n'abafatanyabikorwa muri uyu mushinga wo kwigisha abakuze, kuko ari n'umuhigo w'Uturere. Muri 2805 barangije amasomo barimo 905 bo mu Karere ka Huye.

Umuhango wo gusoza ku mugaragaro icyiciro cyo kwigisha abakuze kwandika, gusoma no kubara witabiriwe n'abigishijwe bahagarariye abandi mu turere twavuzwe haruguru bigishirijwemo.

Mukantwari Laurence wo mu Kagali ka Shanga mu murenge wa Maraba avuga ko mu masomo bahawe yiyongera ku yo kwandika, gusoma no kubara harimo n'ajyanye n'imibereho myiza nk'ubuhinzi bw'imboga, gukora ubucuruzi buciriritse butuma biteza imbere, …

Agira ati: *"N'uyu munsi kuba naramenye gusoma kwandika no kubara mbasha kujya mu itsinda nkaguza amafaranga, nkamenya uko nzunguka mu kwezi nkishyura neza. Ariko mbere numvaga ntabishobora nkumva nditinye. Uyu munsi turabashimira cyane kuko mbasha kumenya uko nkoresha neza amafaranga y'inguzanyo ry'itsinda nkarangura inyanya n'intoryi nkazicuruza nkabasha kubona amafaranga y'ukwezi nkishyura itsinda nkanabona n'ibindi nkeneye mu rugo nk'ibikoresho by'isuku yo mu rugo, imyambaro y'abana n'ibindi".*

*"Mwatwigishije ibintu byinshi birimo nko guhinga imboga, twiga akamaro k'imirima y'igikoni, jyewe naguraga imboga zo mu rugo ku isoko ariko ubu sinkijyayo ahubwo nanjye ndaziyereza ndetse ngasagurira n'isoko nkungikanya n'izo mba naranguye nkazicuruza nkabasha kwiteza imbere. Najyaga mbona umuntu ufite telefoni nkibaza ukuntu amenya umuntu ahamagara cyangwa umuhamagaye cyangwa se kwandika Ubutumwa bugufi, ariko byose narabimenye nanjye ndi kujyana n'iterambere".*





*Abahawe impamyabumenyi barashimira DUHAMIC ADRI na Leta yashyizeho iyi gahunda yo kwigisha abakuze.*

Abahawe izi mpamyabumenyi bigishijwe mu gihe cy'amezi 9, DUHAMIC ADRI igashimangira ko izakomeza gukurikirana aba bakuze bigishijwe kugira ngo ibyo bize batazabyibagirwa.

# Umurenge wa Ngoma wimukiye mu biro bishyashya, aho wakoreraga hagiye kubakwa.

***Kuva kuwa 19 Kamena 2023, ubuyobozi bw'Umurenge wa Ngoma bwatangiye gutangira serivise mu nyubako nshya, muri gahunda yo gukorera heza kandi hajyanye n'igihe.***

Ibiro by'umurenge wa Ngoma byimukiye mu biro bishyashya by'uyu murenge biherereye ku muhanda wa Kaburimbo uva ku Iposita ishami rya Huye ugana mu Matyazo, mu nyubako yavuguruwe yakoreragamo Mwalimu Sacco, ishami rya Huye.



*Umurenge wa Ngoma wimukiye mu nyubako nshya*

Ahakoreraga ibiro by'umurenge wa Ngoma hagiye kubakwa inyubako ibereye umujyi wa Huye. Ni inyubako izubakwa na "HUYE TRADING COMPANY".




*Ahari hasanzwe ibiro by'umurenge wa Ngoma hagiye kubakwa iyi nyubako.*



*Ahari hasanzwe ibiro by'umurenge wa Ngoma.*




*Ibiro bishyashya by'umurenge wa Ngoma.*

## "JADF" yakoze imurikabikorwa, Akarere gashima uruhare rwayo mu guteza imbere abatuye Akarere.

***Mu muhango wo gufungura n'uwo gusoza imurikabikorwa ry'iminsi itatu ryateguwe na JADF, abarigannye bagaragarijwe ibyo abafatanyabikorwa bakorwa, ubuyobozi bw'Akarere bushimira iri huriro ku ruhare rwayo mu guteza imbere Akarere.***

Ni imurikabikorwa ry'iminsi 3 ryafunguwe kuwa 21 Kamena 2023 ribera ku kibuga cy'ahahoze ibiro by'umurenge wa Ngoma, rifite iyi nsanganyamatsiko: "JADF HUYE mu rugamba rwo kurwanya ubukene mu buryo burambye umuturage abigizemo uruhare."

Ryafunguwe ku mugaragaro n'Umuyobozi w'Akarere ari kumwe n'abandi bayobozi barimo Perezida wa JADF mu Karere UGIRUMURERA Cyprien.

Umuyobozi w'Akarere SEBUTEGE Ange yashimiye uruhare abafatanyabikorwa bagira mu guteza imbere abatuye Akarere. Yabasabye gukomeza kwigisha abaturage kugira isuku. Yashishikarije abantu kurigana kuko rinatangirwamo serivise zirimo n'iz'ubuzima. Yashimye imurikabokorwa uko ryateguwe.

Mu muhango wo kurisoza kuwa 23 Kamena 2023, Umuyobozi w'Akarere wungirijwe ushinzwe iterambere ry'ubukungu KAMANA André yasabye abafatanyabikorwa gushyigikira gahunda yo kwigisha abaturage kugira uruhare mu bibakorerwa hagamijwe kuzamukana mu iterambere hadategerejwe gukomeza gufashwa (Gradution).






*Umuyobozi w'Akarere afungura imurikabikorwa rya JADF HUYE*






*Abafatanyabikorwa bose bitabiriye bahawe icyemezo cy'ishimwe, hanatangwa ibihembo ku baryitwayemo neza cyane.*

## Hatangijwe "HINDUKA UKORE WIGIRE" – gahunda yo gufasha abaturage kwikura mu bukene.

***Hashingiwe kuri politiki ya Leta yo kuvana umuturage mu bukene harimo VUP na Girinka, hashingiwe ku masezerano y'imikoranire Assoc. Mwanukundwa yagiranye n'Akarere, mu murenge wa Ruhashya hatangijwe gahunda ya "HINDUKA UKORE WIGIRE".***

Igikorwa cyo gutangiza iyi gahunda cyabereye mu murenge wa Ruahshya kuwa 21 Kamena 2023, yitabirwa n'abayobozi batandukanye.

Mu gutangiza iyi gahunda, Umuyobozi w'Akarere SEBUTEGE Ange yasobanuye ibyiza bya gahunda ya Leta yo gukura abantu mu bukene, agaragaza ko Akarere kazakomeza gufatanya n'abafatanyabikorwa mu iterambere.

Umuyobozi w'Ihuriro ry'abafatanyabikorwa mu iterambere (JADF) mu Karere UGIRUMURERA Cyprien yagaragaje ko abafatanyabikorwa bazakomeza gufatanya n'Akarere mu guteza imbere abaturage.



*Umuyobozi w'Akarere n'umuhuzabikorwa AMU bashimira uwiyemeje guhinduka*



*UGIRUMURERA Cyprien, Umuyobozi wa JADF - HUYE.*

Umuhuzabikorwa wa Association Mwanukundwa (AMU) mu Ntara y'Amajyepfo NTAKIRUKIMANA Jean d'Amour yavuze ko umuntu Imana yamuremanye ubushobozi bwose, ko ari uruhare rwe gukora akiteza imbere.

AMU izakorera mu mirenge ya Karama, Rwaniro, Ruhashya, Rusatira, Huye, Kinazi muri iyi gahunda

Muri uyu murenge wa Ruhashya imiryango 15 yagaragaje ibyiza by'iterambere imaze kwigezaho, babikesha ubufasha butandukanye bahawe. Bityo bakaba basabye kuva mu cyiciro cy'ubudehe kimwe cyo hasi bakazamurwa mu byiciro byisumbuye. Hinduka ukore ukire, birashoboka.



Bamwe mu basinye amasezerano biyemeza imbere y'abaturage ko mu myaka 2 bazakoresha neza inkunga bahabwa bakazaba barikuye mu bukene.

## Hatangijwe "HINDUKA UKORE WIGIRE" – gahunda yo gufasha abaturage kwikura mu bukene (Birakomeza...)

Mukarusagara Vestine, wo mu murenge wa Ruhashya akagali ka Gitovu mu mudugudu wa Gitare, umwe mu bakoresheje neza amahirwe yo guhabwa inka muri Girinka, aragira ati: *"Ndashimira mbere na mbere umukuru w'Igihugu kuko ni we utugejeje ku iterambere, ni we ungejeje uko ndi uku nguku. Nari wa muturage wakoreraga amafaranga ariko ubu ngubu kubera inka yampaye imaze kunteza ubu, ubu ni jye usigaye utanga akazi ku bantu bampingira. Inka nayihawe mu kwezi kwa kabiri kwa 2019.*
*Nahawe inka ihaka, yaraje irabyara nditura, ubwo yarongeye irabyara, ibyara inyana, ubu ngubu iyo nka irahaka ndetse n'inyana yayo irahaka mu minsi mike niteguye kuba noroye inka enye. Inka yanjye yatumye mva mu bwigunge nanjye njya kwizigama mu matsinda, ndahinga mu mirima nanjye ubwanjye mfite nongereyeho n'undi w'150,000 frw. Ubu abana banjye banywa amata, rwose maze kubona n'ingurube, noroye n'inkoko abana banjye bararya amagi rwose nta kibazo bafite."*

Yongeraho ko yaniguriye umurasire w'izuba, bityo agasaba kuva mu cyiciro cya 2 yabarizwagamo.

Ati:" *Ikindi nongeyeho niteguye kuva mu cyiciro cya 2 nkajya mu cyiciro cya 3 ntawe ubimpata ari jye n'umutimanama wanjye. Ubu ndifuza y'uko ngomba gutera imbere, nkazaniyubakira n'indi nzu isobanutse kuko ubu ngubu mba iwacu ariko niteguye kuziyubakira inzu yanjye ubwanjye, kuko ibimfasha narabihawe na leta. Turabashimira bayobozi, mukomeze mutugire inama, tuve mu bwigunge, duhinduke dukore twiteze imbere kuko byose birashoboka."*



*Mukarusagara Vestine (Ufite micro) yagaragaje uko yiteje imbere abikesha Girinka.*

Gahunda ya "HINDUKA UKORE WIGIRE" igamije gufasha imiryango iri mu bukene bukabije ikabafasha kubuvamo, bigakorwa mu gihe kingana n'imyaka ibiri uhereye igihe aya masezerano ashyiriweho umukono.
Ku ikubitiro, imiryango 907 yasinyanye n'ubuyobozi gufatanya urugendo rwo kuva mu bukene mu myaka 2, bakazajya basurwa kenshi n'abakangurambaga ba AMU.



*Umuhuzabikorwa wa AMU mu Ntara y'Amajyepfo NTAKIRUKIMANA J. d'Amour*



Imiryango 15 yo mu murenge wa Ruhashya yagaragaje ko imaze kwiteza imbere ibikesha inkunga zitandukanye yahawe, igasaba kuva ku cyiciro cya 1 n'icya 2. Iyio miryango yashimiwe ko yiteje imbere.

## Kurwanya isuri no gukemura ibibazo bibangamiye abaturage byitaweho mu muganda usoza ukwezi.

***Mu bikorwa byibanzweho mu muganda rusange usoza ukwezi kwa Kamena, gucukura imirwanyasuri hamwe n'ibikorwa bigamije gukemura ibibazo bibangamiye imibereho myiza y'abaturage.***

Umuganda rusange usoza ukwezi kwa Kamena 2023 wakozwe kuwa 24 Kamena 2023, ukorerwa ku rwego rw'Imidugudu hakurikijwe ibikorwa byateguwe. Ku rwego rw'Akarere, umuganda wakorewe mu Murenge wa Karama, Akagari ka Kibingo, Umudugudu w'Agasharu, hacukurwa imirwanyasuri mu ishyamba rya Leta ku buso bungana na hegitari 4. Ni umuganda witabiriwe n'Umuyobozi w'Akarere n'inzego z'umutekano.



*Kurwanya isuri byibanzweho mu bikorwa by'umuganda.*



Mu bindi byakozwe mu mirenge mu muganda usoza ukwezi birimo imirimo ijyanye no gukemura ibibazo bibangamiye imibereho myiza y'abaturage birimo kubakira abatishoboye, kubaka ubwiherero, ...; gukora imihanda ihuza imidugudu ngo irusheho kuba nyabagendwa; kurwanya isuri, ...

Nyuma y'umuganda hatanzwe ubutumwa burimo gahunda y'intore mu ikoranabuhanga; Kuzamura ubwizigame muri EJO HEZA no kwiyandikisha ku bashya; Ubukangurambaga bugamije kwimakaza isuku hose; gahunda yo gufasha abatishoboye kwivana mu bukene; Umutekano,...

Muri uyu murenge wa Ruhashya imiryango 15 yagaragaje ibyiza by'iterambere imaze kwigezaho, babikesha ubufasha butandukanye bahawe. Bityo bakaba basabye kuva mu cyiciro cy'ubudehe kimwe cyo hasi bakazamurwa mu byiciro byisumbuye. Hinduka ukore ukire, birashoboka.





*Mu mirenge hakozwe ibikorwa binyuranye hakurikijwe ibyateguwe ku rwego rw'imidugudu. Abawitabiriye bapimwe indwara zitandura.*

## Huye yakiriye imikino ya nyuma y'irushwa "Umurenge Kagame Cup 2023".

***Mu mpera z'icyumweru cya 24 – 25 Kamena 2023, mu Karere ka Huye habereye imikino ya nyuma y'irushanwa Umurenge Kagame cup, hakinwa imikino inyuranye yitabiriwe n'amakipe ahagararaiye Intara zose n'Umujyi wa Kigali.***





***Imikino gakondo yo gukina igisoro no gusimbuka urukiramende yongerewe mu yari isanzwe ikinwa muri iri rushanwa.***

Mu ijambo risoza aya marushanwa, Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu Jean Claude MUSABYIMANA yashimiye abakinnyi bose bitabiriye irushanwa, asaba inzego zishinzwe guteza imbere Siporo kubyaza umusaruro impano zagaragaye muri aya marushanwa, zikarerwa kandi zigatezwa imbere kuko ari imwe mu ntego y'aya marushanwa.

Minisitiri yagize ati *"Twabonye impano zitandukanye kandi ziri ku rwego rushimishije twakagombye gusigasira. Abayobozi b'Uturere bazadufashe gukurikirana no kuzamura impano zagaragaye. TUYIZERE Etienne wamenyekaniye mu marushanwa aherutse ubu ari mu ikipe y'Igihugu y'amagare.*

Minisitiri Musabyimana yasabye abayobozi gutekereza uko iri rushanwa ryarushaho kuzamurirwa intera ririho, ati: *"Aya marushanwa yatweretse ko hari indi ntambwe dukeneye gutera mu rwego rwo kurushaho kuyitabira no kuyashyigikira kubera ko abaturage bagaragaje ko hari ubukungu bwinshi buyakubiyemo. Nk'abayobozi turasabwa gutekereza ikindi cyakorwa kirenze uburyo twabikoragamo."*



***Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu MUSABYIMANA Jean Claude.***

Minisitiri Musabyimana yasabye abayobozi guteza imbere: *"Turasaba inzego zitandukanye cyane cyane abayobozi b'Uturere guteza imbere siporo kuri bose hirya no hino mu Tugari, no kujya bategura amarushanwa hagati y'Utugari; Ibi bizadufasha kuzamura impano ziri mu rubyiruko no kwitegura neza bene aya marushanwa."*

Mu mikino ya nyuma y'umurenge Kagame hakinwe Umupira w'amaguru, Volleyball, Basketball, Amagare, Sitball, Imikino ngororamubiri, Igisoro, Urukiramende.

# Njyanama yatoye ingengo y'imari y'Akarere y'umwaka wa 2023 – 2024.

*Inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere yemeje ingengo y'imari y'Akarere isaga miliyari 30 z'amafaranga y'u Rwanda azakoreshwa muri uyu mwaka mushya w'imihigo watangiranye na Nyakanga.*



*Perezida w'Inama Njyanama Dr KAGWESAGE Anne Marie ashyikiriza Umuyobozi w'Akarere igitabo gikubiyemo ingengo y'imari y'Akarere*

Inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere yateranye kuwa 30 Kamena 2023, iyobowe na Perezida wayo Dr KAGWESAGE. Inama Njyanama yatangiye yishimira ko Akarere kagize amanota meza mu kubahiriza amabwiriza y'umugenzuzi mukuru w'Imari ya Leta (***CleanAuditReport***).

Inama Njyanama yemeje ko mu mwaka wa 2023/24 ingengo y'imari izakoreshwa n'Akarere ari 33,294,238,699 FRW. Hazibandwa ku bikorwa bigamije kuzamura ubukungu, kwirinda / kugabanya ingaruka z'imihindagurikire y'ikirere no kuzamura inzego zitanga umusaruro hagamijwe kuzamura imibereho.



Umuyobozi w'Akarere SEBUTEGE Ange ashyikiriza igitabo cy'ingengo y'imari umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere NSHIMIYIMANA Vedaste

KURIKIRA AKARERE KA HUYE:

www.huye.gov.rw

info@huye.gov.rw

YouTube Huye District

4056

@HuyeDistrict

huyedistrict

District Huye

*Byanditswe & Bitunganywa na :*

*BONEZIMANA Emmanuel/+250788679624*

Public Relations & Communication